**UBUTUMWA PAPA FRANSISKO YAGENEYE**
**UMUNSI MPUZAMAHANGA WO GUSABIRA ABAHAMAGARIRWA**
**UBUTUMWA MURI KILIZIYA KU NSHURO YA 62**

# Abagendana amizero: Impano yubuzima



**11 Gicurasi 2025**

**Abagendana amizero: Impano yubuzima**

Bavandimwe nkunda!

Kuri uyu Munsi Mpuzamahanga wo gusabira abahamagarirwa ubutumwa muri Kiliziya duhimbaza ku nshuro ya 62, ndifuza kubagezaho ubutumire bw'ibyishimo kandi butanga imbaraga bwo kuba abagendana amizero, mutangana urugwiro ubuzima bwanyu.

Umuhamagaro ni impano itagira uko isa Imana ibiba mu mitima, ijwi riduhamagarira gusohoka kugira ngo dutangire urugendo rw'urukundo no kwitanga. Kandi umuhamagaro wose muri Kiliziya- waba uwo kuba umulayiki, uwo kuba umusaseridoti, cyangwa uwo kwiyegurira Imana-, ni ikimenyetso cy'amizero Imana ifitiye isi na buri wese mu bana bayo.

Muri iki gihe cyacu, urubyiruko rwinshi rwumva rwaribuze imbere y'ejo hazaza. Ntibabona neza ingamba z'ahazaza zo kubona akazi, bayoberwa cyane abo ari bo, bivuga ko babura icyerekezo n'indangagaciro bakurikiza, ndetse n'urujijo rw'ikoranabuhanga rugatuma batabona igisubizo cyabyo. Akarengane gakorerwa abanyantege nke n'abakene, ugushaka kubaho neza twenyine bituma twirengagiza abandi, urugomo rw'intambara, ibyo byose bibangamira imishinga myiza y'ubuzima bifitemo. Ariko Nyagasani, uzi neza umutima wa muntu, ntabatererana mu bibahungabanya. Ahubwo ashaka kubyutsa muri buri wese kumva ko akunzwe, ahamagawe, kandi atumwe kuba umuntu ugendana amizero.

Ni yo mpamvu, twebwe abakuru muri Kiliziya, by'umwihariko abashumba, duhamagariwe kwakira, gushishoza, no guherekeza urugendo rw'umuhamagaro w'abantu b'iki gihe. Namwe, rubyiruko, muhamagariwe kubiharanira ubwanyu

cyangwa kwiyumvamo kuba abafatanya na Roho Mutagatifu, ubyutsa muri mwe icyifuzo cyo guhindura ubuzima impano y'urukundo.

**Kwakira inzira y'umuhamagaro**

Rubyiruko nkunda, "ubuzima bwanyu bufite agaciro. Nyagasani arabashaka muri iki gihe" (Exhort. ap.Post-Syn. Christus Vivit, n. 178). Ni ngombwa rero kwiyumvisha ko impano y'ubuzima isaba igisubizo gitanganywe ubwitange n'ubudahemuka. Nimurebe ababaye abatagatifu n'abahire bakiri bato, batanganye ibyishimo igisubizo ku muhamagaro wa Nyagasani. Abo batagatifu ni: Roza wa Lima, Dominiko Savio, Tereza w'Umwana Yezu na Gaburiyeli w'Ububabare. Mu bazashyirwa mu batagatifu vuba harimo Carlo Acutis na Pier Giorgio Frassati. Buri wese muri bo yakiriye umuhamagaro we nk'inzira y'ibyishimo byuzuye, mu mushyikirano na Yezu muzima. Iyo duteze amatwi ijambo rye, umutima wuzura ibinezaneza (reba Lk 24,32) kandi tukwumva dushaka kwegurira Imana ubuzima bwacu!Tugashaka rero kumenya uburyo, n'umuhamagaro twahitamo kugira ngo dushobore kuyitura urukundo yadukunze mbere.

Umuhamagaro wose uturutse mu ndiba y'umutima, uzamura igisubizo kimeze nk'ikinyotera kiri mu mutima kiganisha ku rukundo no kwitangira abandi nk'isoko y'amizero n'urukundo, bitandukanye no gushaka kwigaragaza. Umuhamagaro n'amizero bihurira mu mugambi ugamije ibyishimo Imana ifitiye abantu bose; bahamagariwe gutanga ubuzima bwabo kubera abandi. (cf. Exhort. ap. Evangelii gaudium, n. 268). Abenshi mu rubyiruko bashaka kumenya inzira Nyagasani abahamagarira kunyuramo; akenshi bagatangarira umuhamagaro uganisha ku busaseridoti cyangwa ku kwiyegurira Imana; abandi bavumbura ubwiza bw'umuhamagaro wo gushyingirwa no kubaka umuryango, hamwe no kwitangira inyungu rusange kimwe no guhamya ukwemera mu bo tubana no mu ncuti zacu.

Umuhamagaro wose uvoma imbaraga mu mizero agaragazwa no kwizera ineza y'Imana. Mu by'ukuri ku mukristu, kwizera birenze uko umuntu abona ko ibintu byose bizagenda neza. Ahubwo ni ukuri gushinze imizi mu kwemera dufitiye Imana iri mu mateka ya buri wese. Umuhamagaro ukura binyuze mu bwitange bwa buri munsi bwo kuba indahemuka ku Ivanjili, mu isengesho, mu gushishoza no mu kwitangira abandi.

Rubyiruko nkunda, amizero ari mu Mana ntatamaza, Imana iyobora buri ntambwe y'abayizera. Isi ikeneye urubyiruko rugendana amizero, rufite ishyaka mu kwegurira Kristu ubuzima bwabo, rwuzuye ibyishimo by'uko ari abigishwa bogeza ubutumwa bwe.

**Gushishoza inzira y'umuhamagaro**

Kumenya umuhamagaro w'umuntu binyura mu nzira yo gushishoza. Iyo nzira umuntu ntayikora wenyine ahubwo ikorerwa mu ikoraniro ry'abakristu kandi naryo rikabigiramo uruhare.

Rubyiruko nkunda, isi ibahatira kugira amahitamo yihuse, guhora mu rusaku, ikababuza kugira umwanya wo guceceka no gutuza ngo mwakire Imana ibavugishiriza mu mutima utuje. Nimugire ubutwari bwo gutega amatwi Imana, ivugira mu mitima yanyu no kuyibaza umugambi ibafiteho. Isengesho rikozwe mu mutuzo ni ndasimburwa kugira ngo umuntu asobanukirwe n'ugushaka kw'Imana mu mateka yacu no gutanga igisubizo mu bwisanzure kandi abishaka.

Gutuza mu isengesho nibyo biduha kumva ko dushobora twese kuba abagendana amizero, mu gihe ubuzima bwacu tubugize impano, by'umwihariko tukabutangira abakene n'abatagira kirengera. Umuntu utega amatwi Imana imuhamagara, ntashobora kwirengagiza ijwi ritabaza ry'abavandimwe benshi biyumva nk'abahawe akato, bakomerekejwe cyangwa batereranywe. Umuhamagaro wose

utanga ubutumwa wo kubera Kristu ahantu hakenewe urumuri n'ihumure kurusha ahandi. By'umwihariko, abalayiki bahamagariwe kuba "umunyu, urumuri n'umusemburo " by'Ingoma y'Imana binyuze mu guharanira ko isi irushaho kuba nziza.

**Gushyigikira imihamagaro**

Muri icyo cyerekezo, abashinzwe kwita ku ikenurabushyo n'imihamagaro, by'umwihariko abayobozi ba roho, ntibakagire ubwoba bwo gushyigikira urubyiruko bashingiye ku mubano w'Imana n'umuryango wayo urangwa no kwizera no kwihangana. Bagomba kuba abantu bazi kubatega amatwi no kubakirana icyubahiro, abantu bizerwa, abayobozi b'inararibonye, biteguye gufasha urubyiruko kubona ibimenyetso by'Imana muri iyo nzira.

Ndashishikariza kwita ku muhamagaro wa gikristu mu nzego zitandukanye z'ubuzima, n'iz'imirimo y'abantu, dufasha buri wese kumva ijwi ry'Imana. Kubera iyo mpamvu, ni ngombwa ko uburyo bwose bwo kurera no gukenura ubushyo buteganya ahantu hakwiye ho kwita ku mihamagaro.

Kiliziya ikeneye abashumba, abiyeguriyimana, abamisiyoneri, abubatse ingo bazi kwitaba "Karame"Nyagasani bafite icyize n'amizero. Umuhamagaro ntujya uba ubukungu bufungiranye mu mutima, ahubwo urakura kandi ugashinga imizi mu ikoraniro ry'abemera, rifite urukundo kandi ryizera. Kubera ko kandi nta muntu ushobora kwitaba ijwi rya Nyagasani wenyine, dukeneye twese isengesho n'ubufasha by'abavandimwe.

Nshuti nkunda, Kiliziya ibaho kandi ikarumbuka igihe ibyara imihamagaro mishya. Isi nayo ishaka, kenshi itanabizi, abahamya b'amizero bamamarisha ubuzima bwabo ko gukurikira Kristu ari isoko y'ibyishimo. Nitugahweme gusaba Nyagasani abakozi bashya mu murima we, twizeye ko akomeza guhamagarana urukundo.

Rubyiruko nkunda, ndagije ubuvunyi bwa Bikira Mariya, Umubyeyi wa Kiliziya n'uw'imihamagaro, inzira yanyu yo gukurikira Nyagasani. Nimutere intambwe buri gihe nk'abagendana amizero mu nzira y'Ivanjili. Mbaherekeje n'Umugisha wanjye, kandi nyabuneka ndabasaba kunsabira.

**Bikorewe i Roma, mu bitaro bya "A. Gemelli", ku wa 19 Werurwe 2025**

**Papa FRANSISIKO**